**MUKAKABEJA Anne**
**C/O MIJESPOC**
**DIRECTION DES SPORTS**
**B.P 1044 KIGALI**

**Kigali, kuwa 08/05/2000**

Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo, n"Umuco
KIGALI

Nyakubahwa Minisitiri,

Mbandikiye iyi baruwa mbasaba ko nabona amafaranga yanjye y"umushahara w"amezi ane (4) ntahembwe mu mwaka w"1994. Ni ukuvuga ukwezi kwa Werurwe, Mata, Gicurasi na Kamena.

Nyakubahwa Minisitiri, nabamenyeshaga ko ayo mezi ntashoboye kuyahembwa kubera ibibazo by"intambara, aho abandi bahembwaga jye sinashoboraga kugerayo akaba rero ari umwenda Leta imfitiye. Niyo mpamvu mbasaba ko nayishyurwa, kuko igihe Leta izayishyura, jye sinzaba nkiri umukozi wayo, kuko nahagaritswe mu kazi.

Ndangije mbashimira, igisubizo cyanyu cyiza.

Murakoze.

**MUKAKABEJA Anne**

Bimenyeshejwe:
- Umuyobozi w"Imirimo rusange muri MIJESPOC